
# GUKORESHA NEZA IMITI IRWANYA INDWARA N'IBYONNYI

| Icyiciro | Ibisobanuro | Amagambo ari ku byapa | Ibara rigaragaza urugero rw'ubukana bw'umuti wica udukoko |
|---|---|---|---|
| Ia | Ingaruka mbi ziri kurwego rwo hejuru cyane | Ni bibi cyane,ubumara, ikimenyetso cy'agahanga n'amagufwa abiri asobekeranyije | |
| Ib | Ingaruka mbi ziri kurwego rwo hejuru | | |
| II | Ingaruka mbi ziri kurwego rugereranyije | Itonde/byakugirira nabi | |
| III | Ingaruka mbi ziri kurwego rwo hasi | Ubikoreshe neza witonze | |
| IV | Bidafite ingaruka mbi mu gihe bikoreshejwe bisanzwe | Koresha neza | |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
|  |  |  |  |  |
| Ntumene umuti mu mazi | Ni mubi ku matungo | Gutera umuti wikingiye | Gufata umuti w'ifu | Gufata umuti w'amazi |
|  |  |  |  |  |
| Umuti wakwica | Umuti Watera uburwayi | Urapfumura ukinjira | Uyu muti wakurura inkongi | Bika imiti ahantu hafunze abana batagera |



Koresha imiti yica udukoko neza:

- Koresha imyambaro y'ubwirinzi yabugenewe,
- soma ku cyapa kiri kw'icupa umuti urimo
- Ntukambare imyenda yangiritse niyo yaba yarabugenewe
- Tera umuti hakiri kare cyangwa ku mugoroba igihe hadashyushye cyane.
- Ntukarye,ntukanywe cyangwa ngo unywe itabi mu gihe ufite umuti wica udukoko.
- Ntugakoreshe intoki mu gihe cyo kuvanga umuti!
- Ntugahuhe nu munwa wagatwe k'ipompo igihe kazibye. Koresha akaroso.
- Ntugatere umuti igihe hari umuyaga